



STATE OF WASHINGTON
DEPARTMENT OF CHILDREN, YOUTH, AND FAMILIES
 CHILD CARE SUBSIDY PROGRAMS (CCSP)

Ibaruwa itegereje ko hemezwa Gahunda igenewe umuryango, inshuti n'abaturanyi (FFN) Itangirwa mu rugo / Abavandimwe
Family, Friend and Neighbor (FFN) In-Home / Relative Pending Letter

Itariki: _____

IKIGO WAHAMAGARAHO UKENEYE IMFASHANYO YO KURERA UMWANA

FAGISI Y'UWO WAHAMAGARA UKENEYE UBUFASHA BWO KURERA ABANA

NOMERO Y'USABA GUTERWA INKUNGA

Wasabye ubufasha Gahunda ya Working Connections Child Care yo kwishyura amafaranga yo kurera umwana byakozwe n':

1. Utari umuvandimwe (inshuti cyangwa umuturanyi) uza mu rugo rwawe kugira ngo arere umwana cyangwa
2. Umuvandimwe wujuje ibisabwa (umuryango) mu rugo rw'umuvandimwe cyangwa umuvandimwe wujuje ibisabwa uza mu rugo rwawe kugira ngo akurere umwana.

Soma kandi ukurikize amabwiriza mu Gice cya 1 n'icya 2 cy'iyi baruwa.

Igice cya 1. Mbere y'uko kwishyura byemeza kandi utanga serivisi akaba yaremejwe n'Ishami rishinzwe abana, urubyiruko [Department of Children, Youth and Families (DCYF)]

Abantu bose batanga serivisi muri gahunda y'umuryango, inshuti n'abaturanyi **bagomba** kuba bafite imyaka 18 cyangwa bayirengeje. Kugira ngo utangire igikorwa cyo kwemererwa, **abantu bose** batanga serivisi muri gahunda y'umuryango, inshuti n'abaturanyi bagomba gukora ibikurikira:

Intambwe ya 1. Uzuzwa umwironde ku rubuga rw'utanga serivisi muri gahunda ya WA Compass kuri dcyf.wa.gov/services/early-learning-providers/ffn.

Intambwe ya 2. Uzuzwa umwironde muri MERIT kuri dcyf.wa.gov/services/earlylearning-profdev/merit.

Intambwe ya 3. Iyo uri muri MERIT, wuzuzwa amakuru agaragaza aho wavuye (PBC) maze ugahabwa amabwiriza y'uko wakuzuzwa igikumwe. Koresha iyi numero kuri porogaramu y'**UBUNTU** ya PBC n'ibikumwe: Numero y'usaba guterwa inkunga ya SU: _____. **Ufite ikibazo, wahamagara DCYF kuri 1-866-482-4325 Ugahitamo #8.**

Intambwe ya 4. Ohereza kopi yemewe y'ikarita y'ubwitanganyirize n'icyangombwa kiriho ifoto cyatanzwe n'urwego rwa leta nk'uruhushya rw'abatwara ibinyabiziga, indangamuntu yo muri leta ya Washington cyangwa urwandiko rw'abajya mu mahanga rw'utanga serivisi muri WA Compass ku rubuga rwa: dcyf.wa.gov/services/early-learning-providers/ffn

Izindi ntambwe zirasabwa kugira ngo utanga serivisi yemezwe hashingiwe ku mikoranire n'umwana n'aho kurerera umwana bibera.

Utari umuvandimwe

Utanga serivisi ntabwo afitanye isano n'umwana kandi ni:

- a) Inshuti cyangwa
- b) Umuturanyi w'umubyeyi.

Kurera umwana byemewe gukorera mu rugo **umwana** abamo gusa

Nta bindi bisabwa ku kwemererwa bwa mbere; rero **Igice cya 2** ku bisabwa ku kwemererwa gukomeza

Umuvandimwe (umuryango mufitanye isano y'amaraso, ugushyingiranwa cyangwa iteka ry'urukiko)

Utanga serivisi afitanye isano n'umwana kandi ni:

- a) Umuvandimwe mukuru utaba mu rugo umwana abamo;
- b) Nyirakuru cyangwa sekuru (ndetse na nyirakuruza na sekuruza);
- c) Nyirasenge cyangwa nyirarume (ndetse na nyirakuruza na sekuruza); cyangwa
- d) Undi wo mu muryango mufitanye isano y'amaraso, ugushyingiranwa cyangwa iteka ry'urukiko.

Kurera umwana byemewe gusa mu rugo rw'**Utanga serivisi** cyangwa mu rugo **Umwana** abamo

Niba kurera bikorerwa mu **rugho rw'utanga serivisi**, utanga serivisi agomba kuba afite abantu bose bafite imyaka 16 n'abayirengeje, baba babana n'umuvandimwe nabo buzuzwa Intambwe ya 1, 2 n'ya 3 yavuzwe haruguru.

Igice cya 2. Nyuma yo kwemerwa na DCYF. Kwishyura ntabwo bitangira kugeza ku itariki uguha serivisi yemejwe cyangwa kurera bitangiwe, bitewe n'ikiza nyuma. WAC 110-15-0125

Kugira ngo wuzuze ibisabwa kugira ngo wishyurwe, abatanga serivisi batari abavandimwe bose (inshuti n'umuturanyi) n'umuvandimwe (umuryango) bagomba:

- A. Byuzuze, mu minsi mirongo icyenda (90) itariki yo kwishyura itangiye, amahugurwa mu bya porogaramu yo gukurikirana ubwitabire hakoreshejwe ikoranabuhanga ategurwa na DCYF. Gushakira amakuru y'amahugurwa kuri dcyf.wa.gov/services/early-learning-providers/electronic-attendance-system/training cyangwa uburyo bwo gukurikirana ubwitabire hakoreshejwe ikoranabuhanga byemejwe na DCYF kuri dcyf.wa.gov/services/early-learning-providers/electronic-attendance-system/training.
- B. Koresha uburyo bwo gukurikirana ubwitabire hakoreshejwe ikoranabuhanga buri muni kugira ngo wandikemo igihe cyo gutangiraho no gusorezaho ibikorwa byo kurera bihabwa buru mwana no kohereza amakuru mu buryo bwa elegitoronike kuri DCYF buri kwezi ukoresheje uburyo bw'ikoranabuhanga.
- C. Kubika amakuru yayo ku rubuga rw'utanga serivisi rwa WA Compass na MERIT byavugururwe harimo impinduka mu by'amazina yemewe n'amategekako, aderesi, imeyiri na numero ya telefone. (**Igice cya 1:** Intambwe ya 1 n'ya 2 kuri paji ya mbere)
- D. Komezwa ukore ku buryo amakuru agaragaza aho wavuye aba avuguruye (bisabwa buri myaka 3). (**Igice cya 1:** Intambwe ya 3 kuri paji ya mbere)

Ibikurikira ni **ibindi bisabwa mu kuzuzwa ibisabwa bikomeza** ku batanga serivisi hashingiwe ku isano bafitanye n'umwana ndetse n'aho kurera umwana bibera:

<p>Utanga serivisi utari umuvandimwe Kurera umwana byemewe gukorerwa mu rugo umwana abamo gusa</p>	<p>Abatanga serivisi bujije ibisabwa bafitanye isano Kurera umwana byemewe gusa mu rugo rw'Utanga serivisi cyangwa mu rugo Umwana abamo</p>
<ol style="list-style-type: none"> 1. Mu minsi 90 ya mbere y'aho kwishyura bitangiriye, ukora: <ul style="list-style-type: none"> a) Amahugurwa y'ubuzima n'umutekano ategurwa na DCYF cyangwa ukagenzurwa na DCYF ko usonewe amahugurwa hakurikijwe WAC 110-16-0025(2)(b). Amahugurwa y'ubuzima n'umutekano ategurwa na DCYF ashobora kuboneka kuri interineti kuri: dcyf.wa.gov/services/early-learning-providers/ffn; b) Rangiza amahugurwa y'ubutabazi bw'ibanze ku mpinja, abana n'abantu bakuru n'amahugurwa yo kuzanzamura umuntu (CPR). c) Andika itariki warangirijeho amahugurwa ya CPR/Ubutabazi bw'ibanze muri MERIT kuri dcyf.wa.gov/services/earlylearning-profdev/merit. Ohereza icyemezo cy'uko wakoze amahugurwa ya CPR/Ubutabazi bw'ibanze (ikarita, icyemezo cyangwa ibaruwa y'umwarimu) kuri DCYF kuri dcyf.wa.gov/services/early-learning-providers/ffn 2. Mu minsi 45 yo kurangiza amahugurwa yavuzwe haruguru, ha DCYF Amasezerano y'ubuzima n'umutekano mu rugo ya WCCC yashyizweho umukono n'utanga serivisi nawe, ababyeyi bagaragaza ko baganiriye kandi basuzumye ingingo zose n'ibikubiye byose mu masezerano. 3. Kwitabira mu gusura urugo buri mwaka mu rugo umwana abamo ari kumwe n'Inzobere itanga uruhushya rwa DCYF rwo gusonerwa ndetse igihe bishoboka nawe ukaba uhari. Icyo gusura bigamije ni uguharanira ko wowe n'utanga serivisi mwubahiriza ibisabwa mu rwego rw'ubuzima n'umutekano, kugenzura aho umwana arererwa n'imikoranire n'utanga serivisi n'umwana no kuganira n'imikorere mu by'ubuzima n'umutekano. 4. Rangiza amahugurwa ategurwa na DCYF mu by'ubuzima n'umutekano byibuze rimwe buri mwaka. 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Iyo kurera umwana <u>bibera mu rugo rw'umuvandimwe utanga serivisi</u>, abantu bafite imyaka 16 n'abayirengeje: <ul style="list-style-type: none"> a) Baba babana n'utanga serivisi w'umuvandimwe agomba gukomeza kuvugurura amakuru agaragaza aho wavuye aba avuguruye (bisabwa buri myaka 3). b) Gahunda yo kubana n'utanga serivisi w'umuvandimwe, agomba kuba afite amakuru agaragaza aho yavuye yujujwe mbere yo kujya kubana n'utanga serivisi. 2. Kwitabira ikiganiro kuri telefone cy'ubufasha bwa tekini mu minsi mirongo icyenda y'itangira ry'itariki yo kwishyura na buri mwaka nyuma ya buri kiganiro kuri telefone cya mbere. Ibi bisabwa <u>bireba gusa umuvandimwe utangaserivisi utari we:</u> <ul style="list-style-type: none"> a) Umuvandimwe mukuru utaba mu rugo umwana abamo; b) Sekuru, nyirakuru cyangwa sekuruza na nyirakuruza; c) Nyirasenge cyangwa nyirarume.

Gahunda ya Child Care Aware itanga amakuru ku buntu, atabogamye n'ibyifashishwa n'imiryango ikeneye uruhushya rwo mu rwego rwo hejuru rwo kurera abana. Hamagara 1-800-446-1114 cyangwa kuri interineti kuri childcareaware.org.

Kugira ngo urebe imimerere y'igenzura ryo kuba warahawe uruhushya rwo kurera umwana, impushya wahawe, raporo z'ikurikiranabikorwa, indimi zivugwa n'ibindi byinshi. Jya kuri: **Kugenzura ibyo kurera umwana kuri findchildcarewa.org.**

Ushobora kumenya niba imikurire y'uruhinja cyangwa umwana wawe iri ku rugero rukwiye cyangwa niba akeneye kwitoza biruseho kugira ngo yitegereye kujya ku ishuri. Kugira ngo bikorwe, ushobora gusubiza ibibazo ku buntu byerekeye gusuzuma imikurire y'umwana ku murongo wa telefone utishyurwa w'ubuzima bw'umuryango kuri 1-800-322-2588 cyangwa ukajya ku rubuga rwa Parent Help 123 parenthelp123.org/child-development/help-me-grow-washington kugira ngo umenye ibindi bibyerekeyeho.

Abana bafite uburenganzira bw'ibanze bwa muntu bwo gutekana. Guhohoterwa no kwirengagiza bibangamira umutekano w'abana bibashyira mu byago byo kuba bakomereka ku mubiri n'amarangamutima ndetse no gupfa. Niba ukeka ko umwana yahohotewe cyangwa yirengagijwe, hamagara DCYF ku murongo utishyurwa kuri 1-866-END-HARM (1-866-363-4276).

Hamagara Ikigo wahamagaraho ukeneye inkunga yo kurera umwana niba ufite ikibazo cyerekeye intambwe zikurikira cyangwa ku kwemererwa bikomeza gukorwa kuri 1-844-626-8687.

Niba uguha serivisi afite ikibazo ku byerekeye igikorwa n'ibisabwa kugira ngo yemezwe musabe ahamagare Inzobere itanga uruhushya rwo gusonerwa: 1-866-482-4325 #8 cyangwa imeyiri kuri dcyf.ffn@dcyf.wa.gov.